REPUBULIKA Y'URWANDA

URUKIKO RW'IKIRENGA
P.O. BOX 2197 KIGALI

# ITANGAZO

URUKIKO RW'IKIRENGA RUSHINGIYE KU MABWIRIZA YA MINISITIRI W'UBUTABERA YO KUWA 27/11/2018 KU BYEREKEYE IMICUNGIRE Y'AMAFAGARANGA ATURUKA KU IRANGIZWA RY`IMANZA.

HASHINGIWE KANDI KU IBARUWA NIMERO 12648/10/19/AG YO KUWA 13/06/2019 MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI (MINECOFIN) YEMERERA URUKIKO RW'IKIRENGA GUFUNGURA KONTI IZAJYA IJYAHO AMAFARANGA YEREKERANYE N'IZUNGURA NDETSE N'INGWATE ITANGWA MU RUBANZA.

URUKIKO RW'IKIRENGA RURAMENYESHA ABANTU BOSE KO GUHERA TALIKI YA 22/07/2019 KONTI YAGENEWE INGWATE N'IZUNGURA ARI **00040 06971620 75 RWF IRI MURI BANKI YA KIGALI (BK) YANDITSE KURI SUPREME COURT-LITIGANTS FUNDS" "(SCLF)-RWF" ICUNGWA N'URUKIKO RW'IKIRENGA.**

URUKIKO RW'IKIRENGA KANDI RURAMENYESHA ABANTU BOSE BAFITE AMAFARANGA YASHYIZWE KURI KONTI Y'URUKIKO RW'IKIRENGA No 1000004185 (*Tribunal De Premiere Instance de Kigali FRW)* AJYANYE N'ISHYIRWA MU BIKORWA RY'IBYEMEZO BY'INKIKO, KO BASABWA KUGEZA UBUSABE BWABO MU BUNYAMABANGA BUKURU BW'URUKIKO RW'IKIRENGA BITARENZE TALIKI YA 30/10/2019 KUGIRA NGO BISHYURWE. NYUMA YICYO GIHE NTA BUSABE BUZONGERA KWAKIRWA KANDI AMAFARANGA AZABA ATARABONERWA UBUSABE, AZOHEREZWA MU ISANDUKU YA LETA (PUBLIC TREASURY).

**ICYITONDERWA**: BURI WESE UZAJYA GUSHYIRA AMAFARANGA KURI KONTI YAVUZWE HARUGURU ASABWE KUZUZA URUPAPURO RWABUGENEWE RUGARAGARA KU RUBUGA RWA INTERINETI RW' URUKIKO RW'IKIRENGA ARI RWO: www.judiciary.gov.rw

Bikorewe I Kigali ku wa 15 Nyakanga 2019

**Madamu MURORA Beth**
**Umunyamabanga Mukuru**

MURORA Beth
Secretary General
Supreme Court